National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA YA KOMITE ISHINZWE POLITIKI Y'IFARANGA MURI BANKI NKURU Y'U RWANDA

## Banki Nkuru y'u Rwanda yagabanyije igipimo cy'inyungu fatizo igishyira kuri 7 ku ijana

Ku wa 28 Gicurasi 2024, Komite ishinzwe politiki y'ifaranga muri Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yarateranye kugirango ifate umwanzuro ku gipimo cy'inyungu fatizo kizagenderwaho mu mezi atatu ari imbere.

Nk'uko byari byagaragajwe mu iteganyamibare, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro waragabanutse usubira mu mbago BNR igenderaho, hagati ya 2 na 8 ku ijana mu gihembwe cya mbere 2024, ahanini biturutse ku musaruro mwiza w'ubuhinzi, icyemezo cya BNR cyo kuzamura igipimo cy'inyungu fatizo, izindi ngamba za Leta y'u Rwanda hamwe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa ku isoko mpuzamahanga. Muri uyu mwaka ndetse no mu mwaka utaha, byitezweko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzakomeza kuba hafi ya 5 ku ijana. Ariko, iri teganyamibare rishobora kugira inzitizi zirimo imidugararo ya politiki ku rwego rw'Isi n'ihindagurika ry'ikirere.

Hashingiwe ku iteganyamibare ryakozwe, Komite ishinzwe politiki y'ifaranga yafashe umwanzuro wo kugabanya igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR ho iby'ijana 50 kigera kuri 7 ku ijana.

## Byitezwe ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzaba kukigero cyiza mu mwaka wa 2024 na 2025

Mu gihembwe cya mbere cya 2024, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro waragabanutse ugera ku mpuzandengo ya 4.7 ku ijana uvuye ku mpuzandengo ya 8.9 ku ijana mu gihembwe cya kane 2023, ahanini biturutse ku igabanuka rinini ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa.

Igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro hatabariwemo iby'ibiribwa byangirika vuba n'iby'ibikomoka ku ngufu ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa ku isoko mpuzamahanga aribyo umuceri, isukari n'ibigori. Muri icyo gihe kandi, habayeho igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa byangirika vuba ryaturutse ku musaruro mwiza wabonetse mu gihembwe cyambere cy'ihinga uyu mwaka. Ariko, ibiciro by'ibikomoka ku ngufu byo byariyongereye bitewe n'ibiciro by'ibicanwa byari hejuri kubera imvura nyinshi yahungabanyije umusaruro w'amakara ikanabangamira uburyo bwo kuwugeza ku isoko.

Muri uyu mwaka ndetse no mu mwaka utaha, byitezweko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzakomeza kuba hafi ya 5 ku ijana ari nayo ntego ya BNR yo mugihe kiringaniye. Iri teganyamibare rizashyigikirwa n'igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa riteganyijwe muri uyu mwaka, bitewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa ryitezwe ku isoko mpuzamahanga hamwe n'umusaruro w'ubuhinzi byitezwe ko uzaguma ku kigero

gishimishije. Ariko, iri teganyamibare rishobora gukomwa mu nkokora n'inzitizi zirimo ibibazo bikomeje kugaragara muri politiki ku rwego rw'Isi  hamwe n'ihindagurika ry'ikirere.

**Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kwitwara neza**

Mu gihembwe cya kane 2023, ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse ku kigero cya 10 ku ijana bituma muri rusange ubukungu bw'u Rwanda mu mwaka wose buzamukaho 8.2 ku ijana. Iri zamuka ryaturutse ku musaruro mwiza w'urwego rwa serivisi n'uw'urwego rw'inganda, cyane cyane  ibikorwa by'ubukerarugendo, ubucuruzi, itumanaho, iby'inganda hamwe ni by'ubwubatsi.

Byitezweko iri zamuka ry'ubukungu ririhejuru rizakomeza nkuko bigarazazwa n'igikomatanyo cy'ibipimo by'ubukungu biboneka ku buryo bwihuse cyagaragajeko ubukungu bwazamutse ku kigero cya 8.6% mu gihembwe cya mbere 2024. Iri zamuka ryegereye 8.2 ku ijana ryagaragaye mu guhembwe cya kane 2023 nubwo riri hasi ya 14.8 ku ijana yo mu gihembwe cya mbere 2023. Ibipimo bigaragaza ko ubukungu buzazamuka muntangiriro z'uyu mwaka biturutse ku musaruro mwiza witezwe mu rwego rwa serivisi n'urw'inganda hamwe n'umusaruro mwiza wagaragaye mu gihembwe cya mbere cy'ihinga 2024 ugereranyije n'umusaruro muke wabonetse umwaka ushize biturutse ku kirere kitabaye cyiza ku buhinzi.

**Icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga cyariyongereye kuko ibyoherezwa mu mahanga byazamutseho gato**

Umusaruro wavuye ku byoherejwe mu mahanga wazamutseho gato ku kigero cya 0.2 ku ijana biturutse ku igabanuka ry'ibisanzwe byoherezwa mu mahanga by'umwihariko ikawa n'ibitunganyirizwa mu nganda, ndetse n'igabanuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga. Ariko umusaruro w'iby'u Rwanda rutumiza mu mahanga hagamijwe ku bicuruza mu bihugu duhana imbibi wariyongereye.

Kurundi ruhande, agaciro k'iby'u Rwanda rwatumije mu mahanga kazamutseho 5.9 ku ijana bitewe ahanini n'itumizwa ry'imodoka zitwara abantu mu buryo bwa rusange. Ibitumizwa mu mahanga bikenerwa mu buzima bwa buri munsi nabyo byariyongereye ariko ibikomoka ku ngufu n'ibyifashishwa n'inganda bitumizwa mu mahanga byo byaragabanutse.

Bitewe n'iri zamuka rinini ry'ibyatumijwe mu mahanga ugereranyije n'ibyoherejwe, icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga cyiyongereyeho 9.6 ku ijana mu gihembwe cya mbere 2024.

**Ku isoko ry'ivunjisha, agaciro k'ifaranga kagabanutse gahoro ugereranyije n'umwaka ushize**

Bitewe no kwiyongera kw'icyuho hagati y'ibitumizwa n'ibyoherezwa mu mahanga, agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda ugereranyije n'idorali rya Amerika kakomeje kugabanuka muri uyu mwaka ariko ku kigero cyo hasi ugereranyije n'umwaka ushize. Mumpera za Werurwe 2024, agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda kagabanutseho 2.08 ku ijana ugereranyije n'igabanuka rya 3.07 ku ijana muri Werurwe 2023. Nubwo bimeze bityo, byitezweko u Rwanda ruzakomeza kugira ubwizigame buhagije mu madovizi bwafasha mu gutumiza mu mahanga ibicuruzwa na serivisi mugihe cy'amezi arenga ane, biturutse ku madovizi yitezwe kwinjira mu gihugu.

**Inyungu ku isoko ry'imari zakurikiye icyerekezo cy'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR**

Inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho hagati yazo yarazamutse igera ku mpuzandengo ya 8.29 ku ijana mu gihembwe cya mbere 2024 ivuye ku mpuzandengo ya 7.36 ku ijana mu

gihembwe cya mbere 2023, bijyanye n'ingamba za BNR zo kuzamura igipimo cy'inyungu fatizo. Byongeye kandi, inyungu ku mpapuro mpeshwamwenda za Leta, inyungu ku mafaranga abitswa muri banki z'ubucuruzi hamwe n'inyungu ku nguzanyo zitangwa na banki z'ubucuruzi nazo zarazamutse. By'umwihariko impuzandengo y'inyungu ku nguzanyo zitangwa na banki z'ubucuruzi yarazamutse iva kuri 15.97 ku ijana mu gihembwe cya mbere 2023 igera kuri 16.35 ku ijana mu gihembwe cya mbere 2024, ahanini bitewe n'izamuka ry'inyungu z'inguzanyo z'igihe gito.

**Umwanzuro wa Komite ishinzwe politiki y'ifaranga**

Ishingiye ku iteganyamibare rigaragazako umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzakomeza kuba hafi ya 5 ku ijana muri 2024 na 2025, Komite ya Politiki y'ifaranga yafashe icyemezo cyo Kumanura igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru ho iby'ijana 50 kikagera kuri 7 ku ijana.

Mu mezi ari imbere, Komite ya Politiki y'ifaranga izakomeza gukurikiranira hafi inzitizi zishobora gutuma umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro witezwe uhindagurika ku kigero kitifuzwa. Haramutse hagize inzitizi zituma ibiciro ku isoko bihindagurika mu buryo butari bwitezwe, Komite ya Politiki y'ifaranga yiteguye kuzafata ingamba zikwiye zijyanye nizo mpinduka, kugirango umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ugume mu mbago BNR igenderaho hagati ya 2 na 8 ku ijana.

**Kigali, Ku wa 29 Gicurasi, 2024**

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda**
**akaba n'umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga**